# 273: Dukanguke, dukanguke !

1. Dukanguke, dukanguke ! Dukor' imirimo cyane, Twitange, tub' igitambo Cyo guhimbaz' Uwiteka.

2. Kera twagirag' ubute; None, reka tubwihane, Dukorer' Imana yacu, Dufit' umwet' ukwiriye.

3. Ahar' uyu muns' urupfu Rwaza, rukadutungura. Cyangwa Yesu yagaruka. Bisange dukiranutse.

4. Twang' uburiganya bwose, Twibuke yuk' Uwiteka Areb' ibyo mu mitima Kand' atagir' icy' ahishwa.

5. Nkukw Imana yaduhaye izuba ryo kutuvira, Tumurikir' abafite Umwijima mu mitima.

6. Dukanguke, tuyishime, Turirimban' indirimbo N'abayishimir' iteka Mw ijuru no mw isi yose.

7. Mukiza, turakangutse i Utwuzuz' Umwuka wawe. Dushimish' Imana yacu Amagambo n'imirimo.

Visit us at indirimbo.com